# ISHYAKA PDC



## DUHARANIRE DEMOKARASI IHUZA ABANYARWANDA

PARTI DEMOCRATE CENTRISTE

PDC

UBUVANDIMWE UMURIMO UBUTABERA

## ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI IHUZA ABANYARWANDA ( PDC )

## PARTI DEMOCRATE CENTRISTE (PDC)

## CENTRIST DEMOCRATIC PARTY (PDC)

**PDC** ni ishyaka riharanira demokarasi ishingiye ku bumuntu, burangwa no guha umuntu agaciro kamukwiye, bunamusaba kugira uruhare mu gutunganya isi no gutsura imibereho myiza n'ubusabane mu bayituye.

Ubwo bumuntu bushingiye ahanini ku migenzo myiza y'imbonezabupfura no mu myifatire y'umuntu wese ukwiye iryo zina, ituma atandukana n'ibikoko cyangwa ibindi bintu bitagira ubwenge n'umutima.

### I. AMAHAME REMEZO:

- Umuntu abereye ku isi kugirango ayihindure nziza. Bityo, Igihungu kigomba mbere na mbere gutezwa imbere n'ubwitange bwa bene cyo.

- Demokarisi ishingiye ku bumuntu ni inzira nyakuri yo kurengera inyungu za rubanda binyuze mu migenzo myiza, cyane cyane urukundo, ubuvandimwe, ukuri, kwihanganirana, ubutabera ,gukunda umurimo, gusangira byose, no kubaha indi migenzereze ihesha umuntu agaciro.

- Ubumwe bw'abenegihugu ni inkingi y'amajyambere arambye y'igihugu.

- Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu ni ishingiro ry'imiyoborere myiza n'igihugu kigendera ku mategeko.

- Demokarasi igomba kandi gushingira ku bitekerezo by'abaturage n'uruhare rwabo mu miyoborere myiza y'Igihugu.

- Kugendera ku bitekerezo bya politiki binyuranye bituma habaho ubwisanzure busesuye mu gutanga umusanzu wo guteza imbere Igihugu, kandi nibigomba kuba intandaro y'ubushyamirane bw’abenegihugu

## 2. IBIGAMIJWE

- Gukagurukiriza abanyarwanda umurimo no kurwanya ubudahwema ubukene, ubujiji n'ubwironde mu Banyarwanda.

- Gushyira imbere ubupfura mbere yo kurangamira ubukire bw'umutungo.

- Kubahiriza uburenganzira bwa buri muntu.

- Guharanira no kwigisha amahoro, ubumwe, ubufatanye n'ubwuzuzanye hagati y'abatuye Igihugu, Akarere, n' Isi yose.

- Guteza imbere ubuvandimwe mu bayoboke baryo by'umwihariko, no mu Banyarwanda bose muri rusange.

- Guhuza Abanyarwanda mu bitekerezo no mu mikorere bishimangira ubumwe bwabo.

- Gutoza Abanyarwanda kujya impaka zubaka kugira ngo bagire uruhare rugaragara mu buzima bw'igihugu.

## 3.IKIMENYETSO:

**Ibendera** ry'urukiramende rw'ibara ry'ubururu, imfuruka zaryo ebyiri ebyir iziteganye zihuzwa n'ibara ry'umuhondo.

- **Ubururu**: guhanga ibisubizo bishya bigamije kurushaho gutunganya Igihugu cyacu.

- **Umuhondo**: kwigirira ikizere gitera imbaraga zo gutera imbere.

- **Mpandeshatu** z'ubururu zihurira hagati zisobanura inyito ya **PDC** yo guhuza Abanyarwanda.

## 4. INTEGO:

**UBUVANDIMWE, UMURlMO, UBUTABERA**

## 5. IKIRANGANTEGO:

Ibikigize :

- Inuma ishushanya UBUVANDIMWE BWOROHERANA MU MAHORO,
- **Isuka** ishushanya UMURIMO,
- **Umunzani** ushushanya UBUTABERA.

## 6.ABAYOBOKE:

Abayoboke nyirizina: abashinze ishyaka n'abaryinjiyemo nyuma.

Abayoboke barishyigikira: bashobora kujya mu nama ariko ntibatora.

## 7. INZEGO NKURU:

-Kongere y'Igihugu,
-Biro Politiki
-Komite Nyobozi

## 8. URUHARE MU BUZIMA BW'IGIHUGU:

- Guharanira ubumwe n’ubwiyunge bw’Abanyarwanda.
- Kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside.
- Gutanga umusanzu w’ibitekerezo kuri politiki n’amategeko Igihugu kigenderaho.
- Gukangurira Abanyarwanda kwitabira gahunda za Leta
- Kwigisha abayoboke mu kubongerera ubumenyi mu bya politiki

**--//--**

**Aderese :**

**B.P. (P.O.Box) 2348 KIGALI**
**Website : *www.pdc.rwanda.org***

**Konti muri Banki :**

**Compte I&M BANK :**
**0008922-01-76 -KIGALI**

**Compte Banque de Kigali (BK) :**
**00040-0049725-94-KIGALI**

**ICYICARO :**

**Akagari ka BIBARE**
**Umurenge wa KIMIRONKO**
**Akarere ka GASABO**
**UMUJYI WA KIGALI**

**Plot nº 2833**
**(imbere ya Banki y'Abaturage ya KIMIRONKO)**